

REPUBLIC OF RWANDA



MINISTRY OF EDUCATION



INTEGANYANYIGISHO Y'IKINYARWANDA MU MASHAMI
IKINYARWANDA KIGISHWAMO NK'ISOMO BIHITIYEMO

Kigali, 2015

**INTEGANYANYIGISHO Y'IKINYARWANDA MU MASHAMI
IKINYARWANDA KIGISHWAMO NK'ISOMO BIHITIYEMO**

Kigali, 2015

© 2015 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Uburenganzira bw'umuhanzi:

Kwandukura ibiri muri iyi nteganyanyigisho cyangwa kuyifotora byemewe gusa igihe hagamijwe inyungu z'uburezi

IJAMBO RY'IBANZE

Mu rwego rwo gushimangira imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'uwigira, Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) gishimishijwe no gushyira ahagaragara integanyanyigisho nshya izakoresheya mu gihugu hose. Iyi nteganyanyigisho igamije gutanga uburezi bubonye kandi bufite ireme mu byiciro by'uburezi rusange mu mashuri yose y'u Rwanda. Poritiki y'uburezi mu Rwanda ni uguha urubyiruko mu byiciro byose by'uburezi amahirwe yose mu byerekeye ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bikwiriye birutegurira kugira uruhare mu iterambere ry'umuryango ndetse no guhabwa amahirwe yo kwihangira umurimo.

Kugira ngo hanazwe ireme ry'uburezi, Leta y'u Rwanda yashyize imbaraga mu ivugurura ry'integanyanyigisho ku buryo imyigire n'imyigishirize ndetse n'isuzuma bigira uruhare rugaragara mu kurema Umunyarwanda igihugu gikeneye. Mu rwego rwo kubaka umuryango ushingiyeye ku bushobozi, byabaye ngombwa ko hakorwa integanyanyigisho ishingiyeye ku guha abiga ubushobozi bukenewe kugira ngo bashobore gupigana ku isoko ry'umurimo haba mu karere u Rwanda ruherereyemo cyangwa ku rwego mpuzamahanga. Mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi nteganyanyigisho, abanyeshuri bazagira uruhare rugaragara mu myigire bityo bagire ubushobozi butuma bashobora guhuza ibyo bize n'ubuzima bwa buri muni. Ibi bizatuma bo ubwabo bigirira akamaro kandi banateze igihugu cyabo imbere.

Turashimira byimazeyo abafatanyabikorwa n'abaterankunga bagize uruhare mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho kuva igikorwa gitangira kugeza kirangiye. Tubonyeho kandi gusaba abazakoresheya iyi nteganyanyigisho gutanga ibitekerezo byatuma irushaho kunozwa.

GASANA Janvier

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nteganyanyigisho. Ntabwo iyi nteganyanyigisho yashoboraga gukorwa uko bikwiye iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi ndetse n'abaterankunga. Nejejwe no gushima ubufatanye n'ubwitange batugaragarije.

Mbere na mbere ndashimira inzego nkuru zishinzwe uburezi mu Rwanda zakurikiraniye hafi umurimo wo kuvugurura integanyanyigisho ndetse n'abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda bagize uruhare mu itegurwa n'iyandikwa ry'iyi nteganyanyigisho. Harashimirwa kandi abarimu bigisha kuva mu mashuri y'inshuke, abanza, ayisumbuye na kaminuza bitanze batizigamye kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishobore kujya ahagaragara.

Ndashimira imiryango nterankunga mu burezi nka UNICEF, UNFPA, DFID, AFR kubera inkunga mu rwego rw'imari na tekini batanze mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho. Ndashimira kandi uruhare rw'abafatanyabikorwa mu burezi nk'Itorero ry'Igihugu, Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, CNLG, GMO, RBS, REMA, WDA, MINECOFIN, AEGIS Trust, Handicap International, Wellspring Foundation, Right to Play, MEDISAR, EDC/L3, EDC/Akazi Kanoze, Save the Children n'Imiryango ishingiyeye ku kwemera mu iyandikwa ry'iyi nteganyanyigisho. Byongeye kandi ndashimira impuguke mpuzamahanga ndetse n'iz'Abanyarwanda bitanze kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishobore gutegurwa no kwandikwa. Iyi nteganyanyigisho ni umusaruro w'ubufatanye n'ubwitange bya buri wese mu bitabiriye iki gikorwa.

Dr. MUSABE Joyce

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho muri REB

URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU ITEGURWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO

Abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda

Dr. MUSABE Joyce, Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho.

GATERA Augustin, Umuyobozi w'Itsinda ry'Indimi n'Ubumenyamuntu.

BACUMUWENDA Nehemiah, ushinzwe ireme ry'integanyanyigisho n'imfashanyigisho mu Itsinda ry'Indimi n'Ubumenyamuntu.

KARERA Straton, Umuteganyanyigisho w'Ikinyarwanda,

RUBANDA Jean François, ushinzwe ibizami by'Ikinyarwanda muri REB.

KUBWIMANA Fortunée, Umugenzuzi Nkomatanyaturere muri REB.

MUKANTAHONDI Venantie, Ishami ry'Ibizamini

Abarimu

NDANDALI Didace, Iseminari Nto ya Rwesero, Akarere ka Gicumbi.

NYIRANGWABIJE Piama, Ishuri ribanza rya Remera Catholique, Akarere ka Gasabo.

DUSABEMUNGU Alexandre, GSNDL Byimana, Akarere ka Ruhango.

HAKUZIMANA Félicien, GS Kageyo, Akarere ka Gicumbi.

GASIMBA François, Kaminuza y'u Rwanda, Koleji y'Uburezi, Akarere ka Gasabo.

NTANYUNGURA Samuel, Collège de l'Espoir Gasogi, Akarere ka Gasabo.

UWIMANA Angélique, Urwunge rw'Amashuri rwa Nyange, Akarere ka Musanze.

UZABAKILIHO Salvator, IPRC Huye, Akarere ka Huye.

VUGUZIGIRE Patrice, Horizon, Akarere ka Gasabo.

Abandi bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nteganyanyigisho

GACHUHI Debby, UNFPA

NIYITEGEKA Dativa, EDC/L3

RUGAJU David, Save the Children

Uwanonosoye integanyanyigisho

TWIRINGIYIMANA Chrysogone, UR-CE

ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE	i
GUSHIMIRA.....	ii
URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU ITEGURWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO.....	iii
ISHAKIRO.....	iv
1. INTANGIRIRO.....	1
1.1. Imvano y'ivugurura ry'integanyanyigisho	1
1.2. Impamvu zo kwigisha no kwiga Ikinyarwanda	2
1.2.1. Ikinyarwanda nk'ururimi kavukire	2
1.2.2. Ibirebana n'umunyeshuri	2
1.2.3. Ubushobozi	3
2. IMBONEZAMASOMO	5
2.1. Uruhare rw'umunyeshuri	6
2.2. Uruhare rw'umwarimu	6
3. UBURYO BWO GUKORA ISUZUMA.....	8
3.1. Ubwoko bw'isuzuma.....	8
3.1.1. Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize.....	8
3.1.2. Isuzuma rikomatanya	8
3.2. Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma.....	9
3.3. Gutegura ibibazo by'isuzuma rikomatanya.....	10
3.4. Imiterere y'ibigomba gusuzumwa mu nyigisho y'Ikinyarwanda	10
3.5. Gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma.....	11
4. IBIZAKENERWA MU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO.....	12
5. IMITERERE Y'UMUTWE MURI IYI NTEGANYANYIGISHO.....	13
5.1. Umwaka wa kane	14
5.1.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma y'Umwaka wa kane	14

5.1.2.	Imbonerahamwe y'imitwe y'amasomo	15
5.2.	Umwaka wa gatanu.....	32
5.2.1.	Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma y'Umwaka wa gatanu	32
5.2.2.	Imbonerahamwe y'imitwe y'amasomo	33
5.3.	Umwaka wa gatandatu	54
5.3.1.	Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma y'umwaka wa gatandatu.....	54
5.3.2.	Imbonerahamwe y'imitwe y'amasomo	55
6.	IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJE:	69
7.	UMUGEREKA	72

1. INTANGIRIRO

1.1. Imvano y'ivugurura ry'integanyanyigisho

Ivugururwa ry'integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashami Ikinyarwanda kigishwamo nk'isomo bihitiramo ryakozwe mu rwego rwo kunoza imyigishirize y'Ikinyarwanda. Integanyanyigisho yari isanzweho yibandaga cyane ku bumenyi kandi ntihe uruhare runini umunyeshuri mu myigire ye.

Nk'uko iyi nteganyanyigisho iteguwe, umunyeshuri ava mu kiciro rusange afite ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha bituma yumva ururimi rw'Ikinyarwanda, ashobora kuruvuga, kurusoma ndetse no guhanga amoko anyuranye y'imyandiko. Umunyeshuri aba ashobora kandi gusesengura zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda, kwisomera udutabo no kubwira abandi inshamake y'ibyo yasomye. Bityo rero, ubumenyi n'ubushobozi afite mu mikoreshereze y'ururimi bizamufasha gukurikira inyigisho y'Ikinyarwanda mu mashami Ikinyarwanda kigishwamo nk'isomo bihitiramo, anagaragaza umuco wo kubana neza n'abandi kubera ubukesha yakuye mu kiciro rusange. Ubwo bumenyi yaronkeye mu kiciro rusange bumufasha gutera indi ntambwe mu rurimi rwe, kuba Umunyarwanda w'ukuri urangwa n'indangagaciro z'umuco nyarwanda, kwihesha agaciro no kwigira, uhamya umuco w'amahoro, wubahiriza uburenganzira bw'ikiremnamuntu, wita ku bidukikije kandi wirinda ibiyobyabwenge, ubusinzi n'ibyorezo nka SIDA n'izindi.

Iyi nteganyanyigisho igenewe umunyeshuri wo mu mashuri yisumbuye Ikinyarwanda kigishwamo nk'isomo bihitiramo, yibanda ku bushobozi bwo kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, kwigana, gutekereza, gusesengura, guhina, guhanga no gusobanura ingingo zigize ururimi n'izigize umuco mu magambo yumvikana.

1.2. Impamvu zo kwigisha no kwiga Ikinyarwanda

1.2.1. Ikinyarwanda nk'ururimi kavukire

Ikinyarwanda ni ururimi kavukire ruhuza Abanyarwanda bose kandi rukaba rukoresha mu nzego z'ubutegetsi no mu mashuri rwifashishwa mu kwigisha izindi nyigisho; kuva mu mashuri y'incuke kugeza mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza baba biga mu Kinyarwanda. Ikindi kandi Ikinyarwanda ni rwo rurimi ruhuza abanyarwanda benshi ugereraniye n'izindi ndimi zivugwa mu Rwanda. Ikinyarwanda ni ururimi kikaba kandi n'umuco uhuza Abanyarwanda. Kwiga Ikinyarwanda rero mu mashuri ni ngombwa kuko ari bumwe mu buryo bwo kubungabunga umuco nyarwanda no kwirinda kumirwa n'amahanga turushaho kwimakaza umuco nyarwanda.

Nk'uko abahanga mu byo kwigisha babivuga, kumenya ururimi kavukire ari intango ndetse n'imbarutso yo kumenya izindi ndimi. Abarimu barakangurirwa rero guha agaciro Ikinyarwanda, kuko ari uguha agaciro imyigishirize ndetse no gufasha mu kuzamura ireme ry'uburezi. Ururimi rwacu ruri mu bigaragaza imitekerereze, ubuhanga n'umuco byacu, rukabicingeza mu rubyiruko, bikaba uruhererekane, maze ntitumirwe n'amahanga. Nta washidikanya rero ku kamaro ko kwiga no kwigisha Ikinyarwanda mu mashuri.

1.2.2. Ibirebana n'umunyeshuri

Mu kwiga no kwigisha Ikinyarwanda mu mashuri kigishwamo atari ay'indimi, hibandwa cyane ku bushobozi bwo kuvuga, kumva, gusoma no kwandika, gusesengura imyandiko y'ubuvanganzo nyarwanda ndetse no ku bumenyi bw'ururimi; iyigantego, iyigamvugo, iyigamajwi n'iyiganteruro. icyakora mu kwiga no kwigisha Ikinyarwanda ni ngombwa guhuriza hamwe buriya bushobozi bwose. Umunyeshuri urangije ikiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye, aba azi gusoma neza no gukoresha imvugo inoze. Ni muri urwo rwego muri iki kiciro cy'amashuri Ikinyarwanda kigishwamo nk'isomo bihitiramo, hibandwa ku myitozo ituma umunyeshuri arushaho gukoresha imvugo inoze no gutanga ibitekerezo bye ku buryo bw'inyurabwenge. Ni na yo mpamvu akora imyitozo myinshi ijyanye no guhanga, kujya impaka ndetse no gukora inshamake y'ibyo aba yasomye mu masomero. Ni ngombwa rero gukangurira abanyeshuri gutira ibitabo, bakabisoma ndetse bakanahabwa umwanya wo kwitoza kwandika bigana zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo bize.

1.2.3. Ubushobozi

Ubushobozi ni ububasha bwo gukora umurimo uyu n'uyu wihariye uko bikwiye hashingiwe ku bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bijyanye n'ibyo wize. Poritiki z'igihugu zishingiye ku byo igihugu gikeneye zerekana ubushobozi bw'ibanze n'ubushobozi nsanganyamasomo bishingirwaho mu kubaka imitekerereze yimbitse. Muri iyi nteganyanyigisho ubushobozi bw'ibanze bugaragarira mu bushobozi bugamijwe muri buri mutwe, muri buri mwaka ndetse no mu kiciro. Ibikorwa by'umunyeshuri bigomba gushingira ku byo ashobora gukora kugira ngo hatezwe imbere ubushobozi bugamijwe mu gihe yiga cyangwa arangije umutwe w'amasomo runaka.

❖ **Ubushobozi nsanganyamasomo**

Ubushobozi nsanganyamasomo ni ubushobozi butihariye n'inyigisho imwe ahubwo butezwa imbere mu masomo anyuranye, mu bihe bitandukanye ndetse no mu kazi kanyuranye. Ubushobozi bw'ingenzi mu myigire n'imyigishirize abarimu bagomba kwitaho busobanuye ku buryo bukurikira:

Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: ubu bushobozi buzafasha umunyeshuri gutekereza ahanga no gushyira mu gaciro ku buryo bwaguye bituma abonera ibisubizo ibibazo ahura na byo mu buzima bwa buri muni.

Guhanga udushya: kunguka ubu bushobozi bizafasha umunyeshuri gufata iya mbere agatekereza ahereye ku byo azi, maze agahanga ibintu bishya.

Ubushakashatsi: ubu bushobozi buzafasha umunyeshuri gukemura ibibazo ahereye ku makuru no ku bumenyi busanzweho no gusobanura ibintu ahereye ku makuru yakusanyije.

Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu gihugu: ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gusabana n'abandi nta mususu no gutanga ibitekerezo byabo ku buryo buboneye mu mvugo no mu nyandiko bakoresha imvugo n'amagambo bikwiye. Kubera iyo mpamvu, abarimu bose nubwo baba batigisha indimi basabwa kugenzura ko abanyeshuri bakoresha uko bikwiye ururimi rwigishwamo.

Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni: ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gukorana n'abandi mu matsinda, mu kazi ako ari ko kose bahawe barangwa n'imyitwarire n'indangagaciro bikwiye, bubaha uburenganzira, ibitekerezo n'imyitwarire binyuranye n'ibyabo. Ibi bizafasha kandi abanyeshuri gukora ibikorwa bijyanye no kubungabunga ibidukikije, gukora ubuvugizi ku byerekeye ubuzima bwabo n'ubw'umuryango bita ku isuku n'imirire iboneye kandi na none bakemura ibibazo bahura na byo mu buzima.

Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: kunguka ubu bushobozi bizafasha abanyeshuri kujyana n’igihe biyungura ubumenyi n’ubumenyi ngiro batarinze gufashwa muri byose. Ibi bizabafasha kandi kujyana n’iterambere bibanda ku bumenyi n’ubumenyi ngiro bikenewe.

❖ **Ubushobozi rusange bugamijwe mu nyigisho y’Ikinyarwanda**

Integanyanyigisho y’Ikinyarwanda mu mashami Ikinyarwanda kigishwamo nk’isomo bihitiramo igomba kugeza umunyeshuri ku bushobozi bukurikira:

- Kumara umwanya yumva ibitekerezo abwirwa cyangwa asomerwa, cyangwa akurikiranye ubutumwa bunyuzwa mu mafirime no mu bitangazamakuru binyuranye.
- Kuvuga ashize amanga atanga ibitekerezo bye bwite, atanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruza ibitekerezo by’abandi.
- Guhitamo ingingo zihwitse zihuje n’insanganyamatsiko kandi zibereye ababwirwa.
- Kwigana abantu batandukanye mu biganiriro mpaka, mu ikinamico no gukinira imbere y’abantu b’ibyiciro bitandukanye.
- Gusoma adategwa imyandiko miremire ibara inkuru z’ibiriho cyangwa byabayeho, n’ibara inkuru z’ibihimbano, agasobanura insanganyamatsiko z’ingenzi zirimo.
- Gusobanura ibiranga ururimi rukoresha mu nyandiko bitewe n’ikigamijwe, nko kumvikanisha igitekerezo, gutambutsa inyigisho cyangwa gususurutsa.
- Kwandika imyandiko miremire irimo inkuru, imivugo, udukinamico, raporo, ibisobanuro, inyandiko mvugo, akoresheje imvugo zinyuranye kandi yubahiriza amategeko y’imyandikire, imyubakire y’interuro n’imiterere iboneye y’imyandiko.
- Guhitamo ubwoko bw’umwandiko n’amagambo bitewe n’intego yihariye n’abo abwira.
- Kunonosora ibyo yanditse, kubijyaho impaka na bagenzi be, no kujora umwandiko yakoze ubwe cyangwa iy’abandi mu buryo buboneye.
- Kwiyungura amagambo, kurushaho gusoma neza, no kwandika neza akoresheje ubumenyi ngiro afite ku myubakire y’amagambo (imiterere n’uturango by’amagambo), no kwitabaza imfashanyigisho zose zamufasha mu kwiyungura ubumenyi.
- Gukoresha amategeko y’ibanze y’ikibonezamvugo ku rwego rw’imyubakire y’amagambo, interuro, imyandiko, hamwe n’uturango tw’ingeri zinyuranye z’imyandiko.

❖ **Ikinyarwanda no kwimakaza ubushobozi bugamijwe**

Poritiki y'igihugu mu myigishirize y'Ikinyarwanda ni ugutoza umwana w'Umunyarwanda umuco wo gusoma no kwandika akiri muto. Usibye ubushobozi bwo kuvuga, kumva, gusoma no kwandika neza Ikinyarwanda, umunyeshuri ahabwa ubushobozi n'ubumenyi ngiro rusange bimufasha kwibeshaho no kubana neza n'abandi.

Muri iyi nteganyanyigisho nshya twitaye kandi ku bumenyi ngiro ku buryo bw'umwihariko kugira ngo dufashe abana b'u Rwanda mu buzima bwabo bwa buri munsu kandi tubashishikarize kwita ku bibazo bibangamiye isi muri rusange n'igihugu cyacu ku buryo bw'umwihariko. Ingingo zitaweho cyane cyane ni iz'umuco nyarwanda, umuco w'amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye, ubuzima, ibidukikije, iterambere, itumanaho n'ikorabuhanga, ibiyobyabwenge, ubukoroni,...

Iteka mu kwigisha Ikinyarwanda bahera ku myandiko ikubiyemo izo nsanganyamatsiko zituma barangwa n'ubukeshu bunyuranye ndetse bakanagira indangagaciro zinyuranye. Abanyeshuri bakangurirwa gukorera mu matsinda kugira ngo bibacengezemo gukorana n'abandi no gushyikirana n'abandi.

2. IMBONEZAMASOMO

Abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa ahubwo bagira uruhare mu bikorwa bakora. Gukorera mu matsinda bifite akamaro, ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umwarimu akosore imivugire ye, imisomere ye ndetse n'imyandikire ye. Imyigishirize y'Ikinyarwanda igomba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri. Iryo yigisha rizaha umunyeshuri uruhare runini rwo kwitoza kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga.

Buri somo rigomba kugira intego zeruye kandi uburyo bwo kuzigeraho ntibugore umunyeshuri ndetse n'umwarimu. Umwarimu agomba kwita ku kigero cy'umunyeshuri kandi akamufasha kwiyigisha. Ni ngombwa rero guhera ku byo umunyeshuri azi, bigaragara, byuzuye, mbere yo gusingira ibyitwa mpisho cyangwa ibigize ibyo byuzuye. Birakwiye guhera

ku mvugo, ku nteruro yo ntango y'ubwumvane n'umushyikirano kugira ngo bifashe abanyeshuri kwivumburira icyigwa cy'umunsi.

2.1. Uruhare rw'umunyeshuri

Ibikorwa by'umunyeshuri bijyanye n'intego ibyigwa biba bigamije kandi abanyeshuri bagomba kubigiramo uruhare. Inyigisho y'Ikinyarwanda igomba gushingira ku munyeshuri. Ni yo mpamvu agomba guhabwa uruhare runini mu kumva, kuvuga, gusoma, gusesengura, kujya impaka no guhanga.

Kuba kandi urwo rurimi rumufasha gushyikirana n'abandi byatumye yunguka ibitekerezo n'imyifatire iberanye n'umuco wa kinyarwanda. Inyigisho agiye guhabwa izaza yuzuza iyo yabonye mu kiciro rusange. Ni yo mpamvu izibanda ku myandiko y'ubuvanganzo kuko irimo ubumenyi bw'ibanze.

2.2. Uruhare rw'umwarimu

Mu ivugurura ry'izi nteganyanyigisho hitawe cyane ku gukundisha umunyeshuri ururimi kavukire ahabwa uruhare runini mu myigire ye. Umwarimu agomba gutoza abanyeshuri gufutura ibitekerezo byabo mu mvugo no mu nyandiko. Ntabwo rero umwarimu ashinzwe guhata abanyeshuri ubumenyi gusa, ahubwo agomba kubatoza umuco wa kimuntu, akabakosora, akabahwitura, akabasobanurira, akaberekera, akabatoza umuco nyarwanda, akabaha ubumenyi ngiro buzabafasha mu buzima busanzwe, akabagira inama ku buryo abanyeshuri babona ko bitaweho kandi ko umwarimu ahora abafasha gutsinda ingorane. Umwarimu abashishikariza umuco wo kwitabira amasomero basoma ibitabo binyuranye byanditse mu Kinyarwanda n'imyandiko inyuranye y'ubuvanganzo.

Umwarimu agomba gukeneka umushyikirano nyigisho, agahora atera umunyeshuri ishyushyu ryo kumenya no kunguka ubushobozi mu byo yiga, afutura neza intego z'isomo, akibanda ku myanya iyicengeza kurusha iyindi, agateganya uburyo igomba kugerwaho, imfashanyigisho, isuzumabumenyi n'uko rizakorwa.

Umwarimu afite uruhare rwo kuyobora umunyeshuri amufasha kuvumbura, amukosora, amwerekera kugira ngo amugeze ku ntego z'isomo. Ni ngombwa ko umwarimu amenya ibibazo abanyeshuri bafite kugira ngo mu gutegura isomo ateganye uburyo n'inzira aza gukoresha bitagira uwo biheza.

Umwarimu akena imfashanyigisho, agategura aho abanyeshuri bigira bitewe n'isomo ashaka kwigisha. Hari isomo ryatangwa neza ari uko ribereye hanze cyangwa se mu ishuri, rikorewe mu matsinda cyangwa abanyeshuri bari hamwe bose, byose biterwa n'imiterere y'isomo ndetse n'aho bigira.

Ni ngombwa rwose guteganya urusobe rw'imyitoto mpamyanyigisho, igakosorerwa ahagaragara, maze abanyeshuri bose bakamenya ibisubizo nyabyo n'uko babigeraho. Uburyo bwo kurinda umunyeshuri umunaniro ni ukunyuranya mu isomo imyanya ikomeye y'ingutu ituma umunyeshuri adahuga (atega amatwi, agasubira mu bivuzwe, agasobanura, agakosora, agasomera abandi, agasiganuza...) n'iy'induhura, itanga akanya ko gufata akuka nko kuganira, gusakuza, gukina...

3. UBURYO BWO GUKORA ISUZUMA

Isuzuma ni ikurikirana ry'imyigire y'umunyeshuri hakusanywa ibimenyetso bijyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yagezeho hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma. Isuzuma ni igice k'ingenzi mu myigire n'imyigishirize. Muri iyi nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, isuzuma na ryo rigomba gushingira ku bushobozi, aho umunyeshuri ashobora gukora umwitozo ujyanye n'ubuzima bwa buri muni ashyira mu bikorwa ibyo yize.

Isuzuma riteganyijwe ku buryo bukurikira: hari isuzuma rikorerwa mu ishuri, ku rwego rw'ikigo n'urw'Akarere. Hari kandi isuzuma ryo kureba ibyagezweho mu myigire mu mashuri yo mu Rwanda ndetse n'ibizamini bya Leta.

3.1. Ubwoko bw'isuzuma

3.1.1. Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize

Mu isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize hakoreshwa uburyo buziguye n'ubutaziguye busanzwe bukoreshwa n'amashuri mu gusuzuma ko abanyeshuri biga uko bikwiye. Mu gihe umwarimu ategura isomo rye, agomba kugena ingingo ngenderwaho mu gusuzuma urwego rw'ubushobozi (ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya) abanyeshuri bategerejwe kugeraho. Mu gusoza umutwe, umwarimu asuzuma niba abanyeshuri bose bashoboye kugera uko bikwiye ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe ahereye ku bigenderwaho mu isuzuma byateganyijwe mu ntangiriro y'umutwe. Umwarimu azasuzuma uko abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bukubiye mu byigwa ndetse n'ubushobozi nsanganyamasomo. Ibi bizafasha umwarimu kubona ishusho rusange y'iterambere mu myigire y'abanyeshuri. Mu isuzuma, umwarimu azakoresha bumwe cyangwa impurirane y'uburyo bukurikira: (a) kwitegereza, (b) ibibazo basubiza bandika, (c) ibibazo basubiza bavuga.

3.1.2. Isuzuma rikomatanya

Igihe isuzuma rikozwe rigamije gusoza igihembwe, umwaka cyangwa ikicro no gufata ikemezo cyo gukomeza, ryitwa isuzuma rikomatanya. Isuzuma rikomatanya rigamije kureba intera umunyeshuri agezeho rigaragaza ishusho y'ubushobozi

umunyeshuri amaze kugeraho mu gihe runaka kihariye. Intego y'ibanze y'isuzuma rikomatanya ni ugusuzuma niba ubushobozi bugamijwe bwaragezweho. Ibivuye mu isuzuma rikomatanya bishingirwaho mu gufata ikemezo cyo gukomeza ku ntera yisumbuye mu myigire y'umunyeshuri nko kwimurirwa mu kiciro gikurikira cyangwa guhabwa impamyabushobozi. Iri suzuma rigomba gukomatanya ibyo umunyeshuri yize, hakarebwa niba agaragaza ubushobozi bugamijwe bwari buteganyijwe.

Iri suzuma rishobora gukorerwa ku rwego rw'ikigo k'ishuri, akarere cyangwa ku rwego rw'igihugu nk'ibizamini bya Leta. Ku rwego rw'ishuri iri suzuma rikorwa rimwe mu gihembwe ndetse n'iyi umwaka urangiye. Impuzandengo y'amanota y'isuzuma rikomatanya kuri buri nyigisho izongerwa ku manota y'ibizamini bya Leta. Ni ukuvuga ko hari ijanisha ry'amanota y'isuzuma rikorerwa ku rwego rw'ishuri rizongerwa ku manota y'ibizamini bya Leta. Iri janisha rizagenda riyongerera bitewe n'uko abarimu bagenda bunguka ubunararibonye mu buryo bwo gusuzuma ku buryo nyuma y'imyaka itatu uhereye igihe iyi nteganyanyigisho itangiye gushyirwa mu bikorwa ayo manota azongerwa ku bizamini bya Leta azaba ari 10% y'impuzandengo y'amanota yo mu ishuri. icyakora iri janisha rizagenda riyongerera. Uturere tuzahabwa ubushobozi bwo gukomeza gufata iya mbere mu gukoresha isuzuma rikomatanya mu mashuri yose mu gukurikirana imyigire ndetse n'intera abanyeshuri bagezeho mu mashuri yabo. Hazajya hakorwa ibizamini bya Leta bisoza ibyiciro bikurikira: amashuri abanza, ikiciro rusange n'ikiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye.

3.2. Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma

Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma ni ugukusanya ibigaragaraza ko isuzuma ryakozwe no kubiha agaciro hagenewe ku bipimo byagenwe mbere. Uburyo ubwo ari bwo bwose bwaba bwakoreshejwe mu isuzuma bugomba gutanga amakuru abarwa mu manota yandikwa cyangwa hakoreshejwe ibindi bipimo, bikabikwa neza ku buryo hagaragazwa intambwe igenda iterwa mu myigire. Ibi bigira uruhare mu gutegura ibikorwa cyangwa ingamba zihariye bituma inyigisho zumvikana kurushaho. Ibyavuye mu isuzuma kandi bishingirwaho n'umwarimu mu gihe atanga inama ku banyeshuri n'ababyeyi.

Ubu buryo bujyanye no kubika mu idosiye imwe (mu nyandiko cyangwa ku buryo bw'ikoranabuhanga) amasuzuma yose y'umunyeshuri ndetse n'ibyavuyemo ugaragaza aho umunyeshuri afite intege nke cyangwa adafite ibibazo mu myigire ye. Kubika mu idosiye imwe inyandiko igaragaza amasuzuma umunyeshuri yakoze, ntabwo ari ukubika gusa impapuro z'amasuzuma yakozwe (impapuro n'imikoro), ahubwo ni no kubika inyandiko z'imyitoto yose umunyeshuri akora ijyanye

n'imyigire ye. Ibyavuye mu isuzuma ni byo bizagaragaza ko umunyeshuri yakurikiye neza mu ishuri mbere y'uko akora isuzuma risoza.

3.3. Gutegura ibibazo by'isuzuma rikomatanya

Mbere yo kwandika ibibazo by'isuzuma, ni ngombwa gukora imbonerahamwe y'ibigomba kubazwaho herekanwa:

- Imitwe cyangwa inyigisho byibandwaho mu isuzuma.
- Umubare w'ibibazo hashingiwe ku nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe na Bulumu (Bloom).
- Amanota agenewe buri kibazo.

Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, ibibazo biri ku ntera zo hejuru ku rwego rw'intego rwa Bulumu (Bloom) bigomba guhabwa umwanya ugaragara kurusha ibibazo bishingiye ku ntera zo hasi zijyanye cyane cyane n'ubumenyi.

Mbere yo kwandika ibibazo, ubyandika agomba kureba neza ko ibibazo by'isuzuma bijyanye n'isuzuma rishingiye ku bushobozi hitabwa kuri ibi bikurikira:

- Kugena inyigisho yibandaho ahereye ku byo integanyanyigisho iteganya.
- Kugaragaza ingingo z'ibyigwa zishingirwaho mu isuzuma.
- Kugena intego zigamijwe zigomba gusuzumwa.
- Gukora imbonerahamwe igaragaza ibigenderwaho by'ingezi mu isuzuma.
- Kugenzura ko inshinga zakoreshejwe mu kwandika ibibazo zidasaba gusubiza ibibazo basubiramo ijambo ku ijambo ibyo bize gusa, ko ahubwo n'ubushobozi rusange buri mu nteganyanyigisho bwazuzumwe.

3.4. Imiterere y'ibigomba gusuzumwa mu nyigisho y'Ikinyarwanda

Isuzuma ry'inyigisho y'Ikinyarwanda rigizwe n'ibice bine by'ingenzi:

- Kumva no gusesengura umwaniko.
- Ikibonezamvugo.
- Ubumenyi rusange bw'ururimi.
- Ihimbamwandiko.

Mu Kinyarwanda imyinshi mu myitozo y'isuzuma igomba gufasha abanyeshuri gukoresha amagambo bungutse. Imyitozo mfuturamvugo iyo ari yo yose igomba kwitabwaho kimwe n'iyi gutinyura abanyeshuri, bityo bigahura n'ihame ko bagomba kwiga ariko na none bakiyigisha. Mu myigishirize yo gusoma no kwandika, imyitozo y'isuzuma izaba ishingiyeye ku gusoma no kwandika.

Buri ntego igomba kugira isuzuma, mu ntera zose zituma igerwaho. Isuzuma rero rihoraho mu nyigisho(imikoro, amarushanwa, isiganuza, ibizami...). Nta kwibagirwa n'utwitoto tw'induhura nk'udusakuzo, udukino, utwo gufindura, utubyino, udukuru.... twajya dukurikira imyanya y'ingutu tugatuma umunyeshuri yiga yishimye.

3.5. Gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma

Integanyayigisho y'Ikinyarwanda iteganya ko ababyeyi bahabwa raporo y'intambwe abanyeshuri bagenda batera mu myigire yabo. Ntabwo amanota yonyine ahagije mu kwerekana ko abanyeshuri bageze ku bigamijwe mu ntego z'amasomo. icyafasha cyane ni ukwerekana aho abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bugamijwe n'aho bafite intege nke hakenewe gushyirwamo imbaraga.

4. IBIZAKENERWA MU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO

Kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishyirwe mu bikorwa ni ngombwa ko ibitabo bihagije hamwe n'izindi mfashanyigisho bigezwa mu mashuri. Hakenewe rero isomero kuri buri kigo mu rwego rwo gufasha umwarimu n'umunyeshuri kwibonera imfashanyigisho. Mu myigishirize mishya y'Ikinyarwanda byaba byiza hateganyijwe uburyo bw'iyumvabona (gukoresha tereviziyo na sinema), imfashanyigisho zitegwa amatwi ndetse n'ibinyamakuru.

Hagomba abarimu bashoboye kwigisha isomo ry'Ikinyarwanda no guhugura abasigaye kugira ngo bibafashe mu myigishirize mishya y'urwo rurimi. Ni ngombwa kwita ku bwuzuzanye bw'Ikinyarwanda n'izindi nyigisho. Mu byigishwa byose, ururimi rwigishirizwamo rugomba gukoreshwa ku buryo bukwiye haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko.

Umwarimu akwiriye kumenya ibibazo n'ingorane abanyeshuri bafite kugira ngo ashobore gutanga neza isomo rye. Agomba kwita ku banyeshuri batabona neza abicaza imbere kandi akandika inyuguti zigaragara kugira ngo bose bazibone. Abafite ubumuga bwo kutumva na bo umwarimu abitaho akoresha imvugo y'amarenga kugira ngo babashe gusobanukirwa neza cyangwa avuga cyane yatura kugira ngo abanyeshuri bose babashe kumva. Hari ikindi gice cy'abanyeshuri badafata vuba na cyo umwarimu agomba kwitaho byaba ngombwa akabagenera umwanya wihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi.

5. IMITERERE Y'UMUTWE MURI IYI NTEGANYANYIGISHO

Inyigisho y'Ikinyarwanda yigwa nk'isomo mu mashami Ikinyarwanda kigishwamo nk'isomo bihitiramo. Ibyigwa muri buri mwaka bikubiye mu mitwe makumyabiri inyuranye. Umwaka wa mbere ugizwe n'imitwe 6 naho umwaka wa kabiri n'uwa gatatu bigizwe m'imitwe irindwi buri mwaka. Umutwe ushingiyeye ku nsanganyamatsiko iherwaho kugira ngo abanyeshuri bashobore gusoma, gusesengura no guhanga imyandiko ndetse no gukungahaza ubumenyi bwabo mu rurimi basesengura ikibonezamvugo. Integanyanyigisho ya buri mwaka ibanzirizwa n'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri uwo mwaka, hagakurikiraho imbumbanyigisho zigabanyijwemo inyigisho zinyuranye naho inyigisho ikaba igabanyijwemo imitwe inyuranye. Buri mutwe ugira ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe kugerwaho umutwe wose umaze kwigwa. Kugira ngo ubwo bushobozi bw'ingenzi bugamijwe bugerweho, hari intego z'ubumenyi, iz'ubumenyi ngiro n'iz'ubukeshya bifasha umwarimu mu gutegura no gutanga isomo rye ashingiyeye ku byigwa binyuranye bigizwe n'isesenguramwandiko, ihangamwandiko n'ikibonezamvugo hamwe n'ingingo zikubiye mu nsanganyamatsiko iri mu mutwe. Intego zijyanye n'ubumenyi, umuntu yavugaga ko ari zo ziri ku rwego rw'ibanze. Intego zijyanye n'ubumenyi ngiro ndetse n'ubukeshya, umuntu yavugaga ko ziri ku rwego rwisumbuye. Uru rwego rw'intego ni rwo rwibanze cyane mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho. Kugira ngo umunyeshuri agire uruhare mu myigire ye, hateganyijwe kandi ibikorwa by'umunyeshuri bimufasha gukora ubushakashatsi, gukorera mu matsinda kandi bigatuma yubaka ubushobozi nsanganyamasomo.

Nyuma ya buri mutwe hari isuzuma rigamije kugenzura ko ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe yagezweho uko bikwiye. Hateganywa kandi imfashanyigisho umwarimu yakwifashisha kugira ngo abashe gutanga isomo rye uko bikwiye. icyakora ntibivuze ko imfashanyigisho ziteganyijwe ari zo zonyine umwarimu yakwifashisha. Umwarimu ashobora no gukoresha izindi zinyuranye zatuma agera ku ntego z'isomo.

5.1. Umwaka wa kane

5.1.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma y'Umwaka wa kane

- Gushungura ibitekerezo yumvise cyangwa yasomye uko bikwiye agaragaza ko yasobanukiwe n'ubutumwa.
- Kuvuga adategwa, atanga ibitekerezo bigaragaza uko yumva ibintu kandi atanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruzwa ibitekerezo by'abandi ku nsanganyamatsiko zinyuranye.
- Gusoma adategwa inyandiko zinyuranye, inkuru zishingiye ku biriho cyangwa ibihimbano, no kumva insanganyamatsiko z'ingenzi, ibitekerezo, ibyabaye n'abavugwa mu nkuru.
- Gusesengura no gutandukanya ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda.
- Guhanga imyandiko irambuye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe akurikiranya neza ibitekerezo no guhanga yigana zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda.
- Kwandika ibitekerezo bye ku buryo bufututse no guhitamo ibyo avuga n'uburyo abivugamo bitewe n'icyo agamije n'abo abwira.
- Gusesengura imitere y'ururimi no gukoresha uko bikwiye ubwoko bunyuranye bw'amagambo mu nteruro.

5.1.2. Imbonerahamwe y'imitwe y'amasomo

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHYA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO N'UBUMENYI BW'URURIMI			INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA N'INYUNGURAMAGAMBO.	
Ikinyarwanda: Umwaka wa kane		Umutwe wa 1A :Umuco nyarwanda		Umubare w'amasomo: 16
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:				
Gusesengura umwandiko, kugaragaza ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda no gusesengura umugani muremure, insigamigani n'imigani migufi.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. -Kurondora ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda. -Gusobanura ingingo z'umuco cyangwa iz'amateka zigaragara mu mugani muremure, insigamigani n'imigani migufi. -Gutahura uturango tw'umugani muremure,	-Gusoma umwandiko yubahiriza utwatumye n'iyitsa. -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura umwandiko. -Gushyira mu bikorwa ingingo z'umuco yakuye mu mwandiko. -Gutandukanya umugani muremure, insigamigani n'imigani migufi. -Gusesengura umugani	-Kugaragaza umuco wo kwitabira gusoma. -Gushishikarira gucira abandi imigani. -Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. -Kugaragaza imyitwarire yubahiriza	Umwandiko: Umugani muremure. Inshoza Uturango Ubuvinganzho bwo muri rubanda Inshoza Ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda Insigamigani Inshoza Uturango tw'insigamigani Imigani migufi	-Gusoma umwandiko bucece. -Gusomera umwandiko mu matsinda, banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. -Kugaragaza ibyavuye mu matsinda. -Gusimburana basoma mu ijwi riranguruye. -Gukorera mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko. -Gusubira mu mwandiko mu magambo ye bwite no kugereranya ibyo yasomye n'ubuzima bwa buri muni.

<p>insigamigani n'imigani migufi.</p> <p>-Gusobanura ibice bigize umugani muremure, intangiriro, igihimba n'umusozo.</p>	<p>muremure, insigamigani n'imigani migufi agaragaza uturango twabyo.</p> <p>-Gukoresha insigamigani n'imigani migufi mu mvugo no mu nyandiko.</p>	<p>indangagaciro z'umuco yakuye mu myandiko y'ubuvanganzo.</p> <p>-Kugaragaza ubushobozi bwo kwitabira kunoza imvugo.</p> <p>-Kugaragaza umuco wo gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.</p> <p>-Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kujora ibyo asoma</p>	<p>Inshoza Imiterere y'imigani migufi Inkomoko y'imigani migufi</p>	<p>-Gukora inshamake y'umwandiko.</p> <p>-Guhanga imigani miremire no gucira abandi imigani miremire mu bitaramo.</p> <p>-Kugaragaza uturango tw' insigamigani n'utw'imigani migufi.</p> <p>-Gusesengura insigamigani n'imigani migufi.</p> <p>-Bahereye ku myandiko basomye, gutandukanya ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda bakurikije uturango twazo.</p> <p>-Guhanga umwandiko akoreshamo imigani migufi kandi agaragaza intangiriro, igihimba n'umusozo.</p>
--	--	--	---	--

Ihuriro n'andi masomo: Imibereho y'Abanyarwanda mu isomo ry'Amateka.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

-Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.

-Ubushobozi bwo kurondora ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda.

-Ubushobozi bwo gusesengura umugani muremure, insigamigani n'imigani migufi.

Imfashanyigisho: Umugani, insigamigani, umwandiko urimo imigani migufi, igitabo cy'ubuvanganzo, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKOresha URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO N'UBUMENYI BW'URURIMI			INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, IYIGANTEGO N'INYUNGURAMAGAMBO.	
Ikiyarwanda: Umwaka wa kane		Umutwe wa 1B: Umuco nyarwanda		Umubare w'amasomo: 14
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusesengura umwandiko uvuga ku mucu wo kwita izina, guhanga umwandiko akurikije imbata yawo no gusesengura izina mbonera gakondo agaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. -Gusobanura uko umuhango wo kwita izina wagenda mu mucu nyarwanda ashingye ku mwandiko. -Gutahura mu mwandiko izinambonera gakondo. -Gusobanura inshoza y'izina	-Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura umwandiko. -Gushyira mu bikorwa ibyo yize bijyanye n'umuhango wo kwita izina. -Gusesengura izina mbonera gakondo agaragaza intego	-Kugaragaza umuco wo kwitabira gusoma. -Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. -Gushima ibyiza no kunenga ibibi biri mu mucu nyarwanda. -Kugaragaza umuco wo kubaha imigenzo myiza y'umuco nyarwanda no kuyikundisha abandi.	Umwandiko uvuga uko umuhango wo kwita izina wagenda mu mucu nyarwanda. Izina mbonera gakondo. Inshoza Intego y'izina mbonera gakondo Ihangamwandiko Imbata y'umwandiko	-Gusoma umwandiko bucece. -Gusomera umwandiko mu matsinda, banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. -Kugaragaza ibyavuye mu matsinda. -Gusimburana basoma mu ijwi riranguruye. -Gukorera mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko. -Bifashishije umwandiko kugereranya uko umuhango wo kwita izina wakorwaga n'uko ukorwa muri iki gihe

<p>mbonera gakondo.</p> <p>-Gusobanura intego y'izina mbonera gakondo n'amategeko y'igenamajwi.</p> <p>-Gusobanura imbata y'umwandiko.</p>	<p>n'amategeko y'igenamajwi.</p> <p>-Gukora imbata y'umwandiko.</p>	<p>-Kujora cyangwa gushima imbata y'umwandiko asomye.</p> <p>-Kugaragaza umuco wo gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.</p> <p>-Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kujora ibyo asoma.</p>		<p>no kujya impaka ku kamaro kawo muri iki gihe.</p> <p>-Guhina umwandiko mu magambo ye bwite yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.</p> <p>-Yifashishije umwandiko, gutahura amazina mbonera gakondo, kuyasesengura no kugaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi.</p> <p>-Hifashishijwe umwandiko, kuwusesengurira mu matsinda bagaragaza imbata yawo (umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo / umwanzuro) banatahura ibiranga buri gice.</p>
<p><i>Ihuriro n'andi masomo:</i> <i>Amateka: Amateka n'umuco nyarwanda.</i></p>				
<p><i>Ibigenderwaho mu isuzuma:</i> <i>-Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.</i> <i>-Ubushobozi bwo guhanga umwandiko akurikije imbata yawo.</i> <i>-Ubushobozi bwo gusesengura izina mbonera gakondo agaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi.</i></p>				
<p><i>Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku muco wo kwita izina, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKOresha URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO N'UBUMENYI BW'URURIMI			INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, IYIGANTEGO N'INYUNGURAMAGAMBO.	
Ikinyarwanda: Umwaka wa kane		Umutwe wa 2: Umuco w'amahoro		Umubare w'amasomo: 18
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko ivuga ku muco w'amahoro no gusesengura ntera n'izina ntera.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. -Gusobanura ihohoterwa n'ibiritera nk'uko bigaragara mu mwandiko. -Gufata umuvugo mu mutwe. -Gutahura ntera, n'izina ntera mu mwandiko.	-Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura umwandiko. -Gushyira mu bikorwa ibyo yungukiye mu mwandiko bijyanye no kurwanya ihohoterwa. -Gukoresha neza ntera n'izina ntera mu	-Kugaragaza umuco wo kwitabira gusoma. -Kugaragaza umuco wo gukumira no kurwanya ihohoterwa mu magambo no mu bikorwa haba kuri we ubwe ndetse no ku bandi. -Kugaragaza umuco wo gukoresha neza ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.	Imyandiko ku ngingo zerekeye: Kurwanya ihohoterwa (Umwandiko n'umuvugo). Ntera Inshoza Intego ya ntera Izina ntera Inshoza Intego y'izina ntera	-Gusoma umwandiko bucece. -Gusomera umwandiko mu matsinda, banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. -Kugaragaza ibyavuye mu matsinda. -Gusimburana basoma mu ijwi riranguruye.

<p>-Gusobanura inshoza n'intego bya ntera n' izina ntera.</p> <p>-Gutahura amategeko y'igenamajwi muri ntera n'izina ntera.</p>	<p>nteruro.</p> <p>-Gusesengura ntera n'izina ntera agaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi.</p> <p>-Gutandukanya ntera n'izina ntera.</p>	<p>-Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kujora ibyo asoma.</p> <p>-Kugaragaza umuco wo gukunda ururimi rw'Ikinyarwanda.</p>		<p>-Gukorera mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko n'insanganyamatsiko ivugwamo.</p> <p>-Ahereye ku mwandiko, kugaragaza ibitera ihohoterwa bivugwamo, ajye n'impaka ku bindi bishobora gutera ihohoterwa bitari mu mwandiko.</p> <p>-Gufata mu mutwe umuvugo yize no kuwutondagura agaragaza ijyana n'isesekaza.</p> <p>-Kwandika inkuru cyangwa umuvugo mugufi ku nsanganyamatsiko yatanzwe ijyanye n'ihohoterwa akoresha imvugo inoze</p>
---	--	---	--	---

				<p>n'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.</p> <p>-Gutahura ntera n'amazina ntera mu mwandiko no kubisesengura agaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.</p> <p>-Kugereranya ntera n'izina ntera no kubikoresha mu nteruro zinyuranye.</p>
<p><i>Ihuriro n'andi masomo:</i> <i>Uburere mbonezamubano: Uburenganzira bw'ikiremwanuntu n'ubw'umwana.</i></p>				
<p><i>Ibigenderwaho mu isuzuma:</i> <i>-Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko.</i> <i>-Ubushobozi bwo gusesengura ntera n'izina ntera.</i></p>				
<p><i>Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku ihohoterwa, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKOresha URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO N'UBUMENYI BW'URURIMI			INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, IYIGANTEGO N'INYUNGURAMAGAMBO	
Ikinyarwanda: Umwaka wa kane		Umutwe wa 3: Uburinganire n'ubwuzuzanye		Umubare w'amasomo: 24
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusesengura umwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye, kujya impaka akurikiranya neza ibitekerezo bye no gusesengura igisantera.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. -Gusobanura akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo kagaragara mu mwandiko. -Kwegeranya ibitekerezo bye no kubigeza kuri	-Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura umwandiko. -Gushyira mu bikorwa ibyo yungukiye mu mwandiko bijyanye n'ingingo z'uburinganire	-Kugaragaza umuco wo kwitabira gusoma. -Kugaragaza imyitwarire yo kutavangura imirimo yo mu rugo. -Gutinyuka gutanga ibitekerezo bye mu ruhame. -Kugaragaza umuco wo gukoresha ururimi	Umwandiko uvuga ku ngingo: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo yo mu rugo no mu kazi. Ikiganiro mpaka Uko bategura ikiganiro mpaka -Uturango tw'ikiganiro mpaka. -Imbata y'ikiganiro mpaka.	-Gusoma umwandiko bucece. -Gusomera umwandiko mu matsinda, banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. -Kugaragaza ibyavuye mu matsinda. -Gusimburana basoma mu ijwi riranguruye.

<p>bagenzi be.</p> <p>-Gutoranya ibitekerezo.</p> <p>-Gutahura ibisantera mu mwandiko.</p> <p>-Gusobanura inshoza n'itego by'igisantera no kugaragaza amategeko y'igenamajwi.</p>	<p>n'ubwuzuzanye.</p> <p>-Kujya impaka akurikiranya ibitekerezo bye kandi yubaha n'iby'abandi.</p> <p>-Gukoresha igisantera mu nteruro.</p> <p>-Gusesengura igisantera agaragaza itego n'amategeko y'igenamajwi.</p> <p>-Gutandukanya ntera, izina ntera n'igisantera.</p>	<p>rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.</p> <p>-Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kujora ibyo asoma.</p> <p>-Kugaragaza umuco wo gukunda ururimi rw'Ikinyarwanda.</p>	<p>-Uko bajya impaka. -Umwanzuro w'impaka.</p> <p>Igisantero Inshoza y'igisantera Uturango y'igisantera Intego y'igisantera</p>	<p>-Gukorera mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko n'insanganyamatsiko ivugwamo.</p> <p>-Bahereye ku mwandiko, kuganira ku bindi biranga ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo bitari mu mwandiko.</p> <p>-Guhina umwandiko mu magambo ye bwite.</p> <p>-Kubwira abandi isomo yakuye mu mwandiko.</p> <p>-Hifashishijwe imfashanyigisho zitegwa amatwi, gukurikira ikiganiro mpaka, gutahura uburyo bwo gukora ikiganiro mpaka no kujya impaka, bari mu matsinda, ku nsanganyamatsiko bahawe.</p>
---	--	---	--	--

				<p>-Gutahura ibisantera mu mwandiko no kubisesengura agaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.</p> <p>-Kugereranya ntera, izina ntera n'igisantera no kubikoresha mu nteruro zinyuranye.</p>
<p><i>Ihuriro n'andi masomo:</i> <i>Uburinganire n'ubwuzuzanye mu isomo ry'uburere mbonezamubano</i></p>				
<p><i>Ibigenderwaho mu isuzuma:</i> <i>-Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.</i> <i>-Ubushobozi bwo kujya impaka mu buryo bwubaka akurikiranya neza ibitekerezo bye.</i> <i>-Ubushobozi bwo gutahura no gusesengura igisantera.</i></p>				
<p><i>Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu mirimo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO N'UBUMENYI BW'URURIMI			INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, IYIGANTERURO N'INYUNGURAMAGAMBO.	
Ikinyarwanda Umwaka wa kane		Umutwe wa 4 : Ibidukikije		Umubare w'amasomo: 24
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'ibidukikije no gusesengura interuro agaragaza ibice byayo n'imimaro y'amagambo ayigize.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. -Gusobanura uburyo bunyuranye bwo kubungabunga amashyamba, amazi n'ibishanga bugaragara mu mwandiko. -Gusobanura ibice by'interuro n'imimaro y'amagambo mu	-Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura umwandiko. -Gushyira mu bikorwa ibyo yungukiye mu mwandiko uvuga ku ngingo yo kubungabunga amashyamba, amazi n'ibishanga.	-Kugaragaza umuco wo kwitabira gusoma. -Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. -Gushishikarira no gushishikariza bagenzi be kubungabunga amashyamba, amazi n'ibishanga. -Kujora imyubakire y'interuro yasomye.	Imyandiko ku ngingo yo: -Kubungabunga amashyamba no kubungabunga amazi n'ibishanga. Iyiganteruro Ibice by'interuro Imimaro y'amagambo mu nteruro	-Gusoma umwandiko bucece. -Gusomera umwandiko mu matsinda, banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo masha kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. -Kugaragaza ibyavuye mu matsinda. -Gusimburana basoma mu ijwi riranguruye. -Gukorera mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi

<p>nteruro</p>	<p>-Gusesengura interuro yerekana ibice byayo n'imimaro y'amagambo ayigize.</p>	<p>-Kugaragaza umuco wo gukoresha neza ururimi rw'Ikinyarwanda yubaka neza interuro.</p> <p>-Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kujora ibyo asoma.</p> <p>-Kugaragaza umuco wo gukunda ururimi rw'Ikinyarwanda.</p>		<p>n'iz'ingereka ziri mu mwandiko n'insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko.</p> <p>-Kugaragaza ubundi buryo bwo kubungabunga ibidukikije butari mu mwandiko no kubujyaho impaka.</p> <p>-Guhanga umwandiko</p> <p>-Gukora interuro ziboneye z'inyabumwe no kuzisesengura agaragaza ibice byazo n'imimaro y'amagambo ayigize.</p>
<p><i>Ihuriro n'andi masomo:</i> <i>Ubumenyi bw'isi: Ihumana ry'ikirere n'amazi.</i> <i>Ibinyabuzima: Uko ibinyabuzima bitungwa n'ibindi</i></p>				
<p><i>Ibigenderwaho mu isuzuma:</i> <i>-Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko yasomye.</i> <i>-Ubushobozi bwo gusesengura no kubaka interuro ziboneye.</i></p>				
<p><i>Imfashanyigisho: umwandiko uvuga ku bidukikije, amashusho ajoyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, inkoranyagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO, MU NYANDIKO N'UBUMENYI BW'URURIMI			INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, IYIGANTEGO N'INYUNGURAMAGAMBO.	
Ikinyarwanda: Umwaka wa kane		Umutwe wa 5 : Iterambere		Umubare w'amasomo: 20
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusesengura umwandiko uvuga ku iterambere, guhanga umwandiko ntekerezo, gusesengura no gukoresha mu mvugo no mu nyandiko amazina akomoka ku yandi magambo.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. -Gusobanura, ashingiye ku mwandiko, uburyo bwo gukoresha neza igihe ku murimo n'uruhare rwabyo mu iterambere.	-Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura umwandiko. -Gushyira mu bikorwa ibyo yungukiye ku nsanganyamatsiko yo gukoresha neza igihe.	-Kugaragaza umuco wo kwitabira gusoma. -Kwitabira gukoresha neza, mu mvugo no mu nyandiko, amagambo yungutse. -Kugaragaza umuco wo kubahiriza igihe no kubishishikariza abandi. -Kugaragaza umuco	Umwandiko ku ngingo yo: Gukoresha neza igihe ku murimo n'uruhare rwabyo mu iterambere (umwandiko ntekerezo) Ikomorazina mvazina Inzira z'ikomorazina mvazina Ikomorazina mvanshinga Inzira z'ikomorazina	-Gusoma umwandiko bucece. -Gusomera umwandiko mu matsinda, banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. -Kugaragaza ibyavuye mu matsinda. -Gusimburana basoma mu

<p>-Gutanga inshoza y'ikomorazina mvazina n'ikomorazina mvanshinga.</p> <p>-Gusobanura uburyo bunyuranye bw'ikomorazina.</p> <p>-Gutanga inshoza y'umwandiko ntekerezo.</p> <p>-Kugaragaza ibiranga umwandiko ntekerezo.</p>	<p>-Gusesengura amazina akomoka ku yandi n'akomoka ku nshinga.</p> <p>-Gukoresha amazina akomoka ku yandi cyangwa ku nshinga</p> <p>-Gutandukanya umwandiko ntekerezo n'indi myandiko</p> <p>-Guhanga umwandiko ntekerezo yubahiriza uturango twawo.</p>	<p>wo gukoresha neza ururimi rw'Ikinyarwanda akoresha neza amagambo akomoka ku yandi.</p> <p>-Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kujora ibyo asoma.</p> <p>-Kugaragaza umuco wo gukunda ururimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p>-Gutinyuka gutanga ibitekerezo bye mu nyandiko ku buryo bw'inyurabwenge.</p>	<p>mvanshinga</p> <p>Inshoza y'umwandiko ntekerezo</p> <p>-Imbata y'umwandiko ntekerezo.</p> <p>-Ibiranga umwandiko ntekerezo.</p>	<p>ijwi riranguruye.</p> <p>-Gukorerera mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko n'insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko.</p> <p>-Kugaragaza mu mwandiko ingingo zerekana uruhare rwo gukoresha neza igihe mu iterambere no kungurana ibitekerezo ku bindi bitavuzwe mu mwandiko bigaragaza uruhare rwo gukoresha neza igihe mu iterambere.</p> <p>-Gutahura mu mwandiko amazina akomoka ku yandi n'akomoka ku nshinga no kuyasesengura bagaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi.</p> <p>-Gutahurira mu matsinda uburyo butandukanye</p>
--	--	---	---	---

				<p>bw'ikomorazina mvazina na mvanshinga no gusesengura amazina akomoka ku yandi.</p> <p>-Gusesengura umwandiko ntekerezo batahura ibiwuranga; kuwuhanga bagendeye ku nsanganyamatsiko bahawe kandi bubahiriza uturango twawo.</p>
<p><i>Ihuriro n'andi masomo:</i> <i>Ihangamurimo: Ibitanga umusaruro mu murimo.</i></p>				
<p><i>Ibigenderwaho mu isuzuma:</i> <i>-Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.</i> <i>-Ubushobozi bwo gusesengura amazina akoresheje uburyo bunyuranye bw'ikomorazina mvazina n'ikomorazina mvanshinga.</i> <i>-Ubushobozi bwo guhanga umwandiko ntekerezo yubahiriza uturango twawo.</i></p>				
<p><i>Imfashanyigisho: Umwandiko ku gukoresha neza igihe ku murimo n'uruhare rwabyo mu iterambere, igitabo k'ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda, amashusho anyuranye agaragaza ibivugwa mu mwandiko, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKOYESHA URURIMI MU MVUGO, MU NYANDIKO N'UBUMENYI BW'URURIMI			INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, IYIGANTEGO N'INYUNGURAMAGAMBO.	
Ikinyarwanda: Umwaka wa kane		Umutwe wa 6 : Ikoranabuhanga		Umubare w'amasomo: 28
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'ikoranabuhanga, kugaragaza ubwoko bw'amagambo adahinduka ari mu mwandiko no gutondagura inshinga mu buryo no mu bihe bitandukanye.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Gusobanura amagambo akomeye mu mwandiko. -Kugaragaza akamaro k'ikoranabuhanga kavugwa mu mwandiko n'uruhare rwako mu iterambere. -Gutahura amagambo adahinduka ari mu mwandiko no gusobanura imikoreshereze yayo. -Gusobanura uburyo n'imikoreshereze y'ibihe by'inshinga itondaguye.	-Gusoma umwandiko yubahiriza utwatumye n'iyitsa. -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura umwandiko. -Gukoresha ikoranabuhanga. -Gukoresha neza ibihe by'inshinga mu mvugo no mu nyandiko.	-Kugaragaza umuco wo kwitabira gusoma. -Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. -Gushishikarira no gushishikariza abandi gukoresha ikoranabuhanga. -Kugaragaza umuco wo gukoresha neza ururimi rw'Ikinyarwanda yubahiriza itondaguranshinga. -Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no	Umwandiko ku ngingo zerekeye ku: -Ikoranabuhanga mu mashuri n'uruhare rwaryo mu iterambere Amoko y'amagambo -Amagambo adahinduka Itondaguranshinga -Uburyo bw'inshinga -Ibihe byayo.	-Gusoma umwandiko bucece -Gusomera umwandiko mu matsinda, banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. -Kugaragaza ibyavuye mu matsinda. -Gusimburana basoma mu ijwi riranguruye. -Gukorera mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko n'insanganyamatsiko ivugwamo.

		<p>kujora ibyo asoma.</p> <p>-Kugaragaza umuco wo gukunda ururimi rw'Ikinyarwanda.</p>		<p>-Gukorera mu matsinda bibukiranya ibyasomwe mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe no kuvuga isomo bakuyemo.</p> <p>-Gutahura amagambo adahinduka hifashishijwe umwandiko wizwe.</p> <p>-Gutahura mu mwandiko inshinga zitondaguye mu buryo binyuranye no kugaragaza uturango twa buri buryo bw'inshinga.</p> <p>-Gutondagura inshinga mu bihe binyuranye.</p>
<p><i>Ihuriro n'andi masomo:</i> <i>Ikoranabuhanga n'itumanaho: Ikoranabuhanga mu iterambere.</i></p>				
<p><i>Ibigenderwaho mu isuzuma:</i> <i>-Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko yasomye.</i> <i>-Ubushobozi bwo gutahura amoko y'amagambo adahinduka.</i> <i>-Ubushobozi bwo gutondagura inshinga mu buryo no mu bihe binyuranye.</i></p>				
<p><i>Imfashanyigisho: Imyandiko ku ikoranabuhanga, ibikoresho binyuranye by'ikoranabuhanga, amashusho anyuranye yerekana ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.</i></p>				

5.2. Umwaka wa gatanu

5.2.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma y'Umwaka wa gatanu

- Gushungura ibitekerezo yumvise cyangwa yasomye uko bikwiye agaragaza ko yasobanukiwe n'ubutumwa.
- Kuvuga adategwa, atanga ibitekerezo bigaragaza uko yumva ibintu kandi atanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruza ibitekerezo by'abandi ku nsanganyamatsiko zinyuranye.
- Gusoma adategwa inyandiko zinyuranye, inkuru zishingiye ku biriho cyangwa ibihimbano, no kumva insanganyamatsiko z'ingenzi, ibitekerezo, ibyabaye n'abavugwa mu nkuru.
- Guhanga imyandiko irambuye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe akurikiranya neza ibitekerezo no guhanga yigana zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyabami.
- Kwandika ibitekerezo bye ku buryo bufututse no guhitamo ibyo avuga n'uburyo abivugamo bitewe n'icyo agamije n'abo abwira.
- Gutegura inama no kuyiyobora.
- Gusesengura imitere y'ururimi no gukoresha uko bikwiye ubwoko bunyuranye bw'amagambo mu nteruro.

5.2.2. Imbonerahamwe y'imitwe y'amasomo

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKOresha URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO			INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA N'INYUNGURAMAGAMBO.	
Ikinyarwanda: Umwaka wa gatanu		Umutwe wa 1 : Umuco nyarwanda		Umubare w'amasomo: 28
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusesengura igitekerezo k'ingabo, ibyivugo by'iningwa, ibyivugo by'imyato no guhanga ikivugo				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. - Gusobanura inshoza y'ubuvanga nzo nyabami no	-Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura umwandiko. -Gusesengura	-Kugaragaza umuco wo kwitabira gusoma. -Kwitabira gukoresha neza amagambo yungukiye mu myandiko y'ubuvanganzo nyabami.	Umwandiko: Igitekerezo k'ingabo Ubuvinganzho nyabami -Inshoza y'ubuvanganzo nyabami -Ingeri z'ubuvanganzo nyabami Ibitekerezo by'ingabo -Uturango -Gusesengura ibitekerezo by'ingabo Ibyivugo by'iningwa -Uturango	-Gusoma umwandiko bucece -Gusomera umwandiko mu matsinda, banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. -Kugaragaza ibyavuye mu matsinda. -Gusimburana basoma mu

<p>kurondora ingeri z'ubuvanga nzo nyabami.</p> <p>-Gutahura uturango twa buri ngeri.</p> <p>-Gutahura ubugeni bw'ururimi, umuco n'indagagaciro nyarwanda zigaragara mu gitekerezo k'ingabo, mu byivugo by'iningwa no mu byivugo by'imyato.</p>	<p>igitekerezo k'ingabo, ibyivugo by'iningwa n'ibyivugo by'imyato.</p> <p>-Gushyira mu bikorwa indangagaciro z'umuco nyarwanda yize mu buvanganzo nyabami.</p> <p>-Guhanga ikivugo kigaragaza ubutwari bwe mu mirimo runaka.</p> <p>-Kwivuga yigana uko byakorwaga mu mucu nyarwanda.</p>	<p>-Guseruka mu ruhame yivuga.</p> <p>-Kugaragaza umuco wo gukoresha neza ubugeni bw'ururimi rw'Ikinyarwanda yungukiye mu myandiko y'ubuvanganzo nyabami.</p> <p>-Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kujora ibyo asoma.</p> <p>-Kugaragaza umuco wo gukunda ururimi rw'Ikinyarwanda .</p>	<p>-Gusesengura ibyivugo by'iningwa Ibyivugo by'imyato</p> <p>-Uturango</p> <p>-Gusesengura ibyivugo by'imyato</p>	<p>ijwi riranguruye.</p> <p>-Gukorerera mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.</p> <p>-Gusubira mu mwandiko mu magambo ye bwite no kuwuhuzza n'ubuzima busanzwe.</p> <p>-Gusesengura imyandiko basomye bayigereranya n'andi moko y'imyandiko bize no gutahura ubwoko bw'iyoy myandiko.</p> <p>-Kurondora izindi ngeri z'ubuvanganzo nyabami no kugaragaza uturango tw'igitekerezo k'ingabo, ibyivugo by'iningwa n'ibyivugo by'imyato.</p> <p>-Gusesengura ibyivugo by'iningwa n'ibyivugo by'imyato no guhanga ibyivugo byo mu gihe</p>
---	---	--	---	---

				<p>tugezemo ahereye ku miterere y'ibivugo by'iningwa n'iby'imyato.</p> <p>-Kwivuga ari imbere ya bagenzi be yigana uko byakorwaga mu mucu nyarwanda.</p> <p>-Kujya impaka na bagenzi be ku kamaro k'ingeri z'ubuvanganzo nyabami muri iki gihe.</p>
<p><i>Ihuriro n'andi masomo:</i> <i>Amateka: Amateka y'uburyo u Rwanda rwagutse.</i></p>				
<p><i>Ibigenderwaho mu isuzuma:</i> <i>-Ubushobozi bwo gusesengura igitekerezo k'ingabo, ibivugo by'iningwa, ibivugo by'imyato no guhanga ikivugo.</i> <i>-Ubushobozi bwo kurondora ingeri z'ubuvanganzo nyabami.</i></p>				
<p><i>Imfashanyigisho: Ibiterekerezo by'ingabo, ibivugo by'iningwa n'ibivugo by'imyato bitandukanye, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKOresha URURIMI MU MVUGO, MU NYANDIKO N'UBUMENYI BW'URURIMI			INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA N'INYUNGURAMAGAMBO.	
Ikinyarwanda: Umwaka wa gatanu			Umutwe wa 2: Uburinganire n'ubwuzuzanye	Umubare w'amasomo: 20
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye no gukoresha mu mvugo no mu nyandiko imvugo inoze ku nka, ku mata, ku isekuru, ku gisabo no ku ngoma.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. -Gusobanura uburyo umwandiko ugaragaza akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere. -Gutahura amagambo	-Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura umwandiko. -Gushyira mu bikorwa ibyo yungutse ku ngingo z'uburinganire	-Kugaragaza umuco wo kwitabira gusoma. -Gushishikariza abandi mu mvugo no mu nyandiko ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye -Kujora imvugo n'inyandiko zikoresha amagambo atanoze	Umwandiko ku ngingo yerekeye: Akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere Ikeshamvugo -Ikeshamvugo ku nka. -Ikeshamvugo ku mata. -Ikeshamvugo ku	-Gusoma umwandiko bucece. -Gusomera umwandiko mu matsinda, banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. -Kugaragaza ibyavuye mu matsinda. -Gusimburana basoma mu ijwi riranguruye.

<p>yabugenewe ku nka, ku mata, ku ngoma, ku gisabo no ku isekuru no kuyasobanura.</p>	<p>n'ubwuzuzanye. -Gukoresha neza imvugo inoze ku nka, ku mata, ku isekuru no ku ngoma, mu mvugo no mu nyandiko.</p>	<p>ku nka, ku mata, ku isekuru, ku gisabo no ku ngoma (ntibavuga..., bavuga...). -Kugaragaza umuco wo gukoresha neza ururimi rw'Ikinyarwanda akoresha imvugo inoze. -Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kujora ibyo asoma. -Kugaragaza umuco wo gukunda ururimi rw'Ikinyarwanda.</p>	<p>ngoma. -Ikeshamvugo ku isekuru. -Ikeshamvugo ku gisabo.</p>	<p>-Gukorera mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko. -Gutahura mu mwandiko ibyiza by'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere n'isomo ryo mu buzima busanzwe twakura ku mwandiko. -Gutahura mu mwandiko amagambo yabugenewe ku nka, ku mata, ku isekuru no ku ngoma. -Gukoresha mu mvugo no mu nyandiko ikeshamvugo ku nka, ku mata, ku isekuru no ku ngoma.</p>
---	--	---	--	---

Ibigenderwaho mu isuzuma:

-Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.

-Ubushobozi bwo gukoresha ikeshamvugo ku nka, ku mata, ku gisabo, ku ngoma no ku isekuru.

Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKOYESHA URURIMI MU MVUGO, MU NYANDIKO N'UBUMENYI BW'URURIMI			INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA, IYIGAMVUGO N'INYUNGURAMAGAMBO	
Ikiyarwanda: Umwaka wa gatanu		Umutwe wa 3: Ubuzima		Umubare w'amasomo: 24
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:				
<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura ikinamico ivuga ku nsanganyamatsiko y'ubuzima bw'imyororokere, guhanga ikinamico no kuyikina. - Kwandika interuro agaragaza ubutinde n'amasaku. 				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Gusonbanura amagambo akomeye. -Gusobanura ubuzima bw'imyororokere n'akamaro ko kuboneza urubyaro bigaragara mu mwandiko. -Gusobanura inshoza n'uturango tw'ikinamico. -Kugaragaza ibice	-Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura ikinamico. -Gushyira mu bikorwa ibyo yize bijyanye n'ingingo	-Kugaragaza umuco wo kwitabira gusoma. -Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. -Gushima cyangwa kunenga abakinankuru bo mu ikinamico yumvise cyangwa	Umwandiko: ikinamico ku buzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro. Ikinamico -Uturango -Ibice by'ikinamico Ubutinde n'amasaku mu nteruro. - Amasaku	-Gusoma umwandiko bucece. -Gusomera umwandiko mu matsinda, banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. -Kugaragaza ibyavuye mu matsinda. -Gusimburana basoma mu ijwi riranguruye. -Gukorera mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko n'insanganyamatsiko ivugwa mu ikinamico.

<p>by'ikinamico n'imiterere yabyo. -Gufata mu mutwe ikinamico. -Gusobanura imikoreshereze y'amasaku mbonezanteruro.</p>	<p>z'ubuzima bw'imyororokere. -Guhanga ikinamico. -Gukina ikinamico yigana imyitwarire y'abakinankuru. -Kwandika interuro ashyira ubutinde n'amasaku aho bikwiye.</p>	<p>yasomye. -Kugaragaza umuco wo gukoresha neza ururimi rw'Ikinyarwanda avuga neza amagambo bitewe n'imiterere y'amasaku yayo. -Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kujora ibyo asoma. -Kugaragaza umuco wo gukunda ururimi rw'Ikinyarwanda.</p>	<p>mbonezanteruro</p>	<p>-Kugereranya imyitwarire y'abakinankuru n'ubuzima busanzwe. -Guhanga ikinamico mu matsinda. -Gufata mu mutwe ikinamico no kuyikina bigana imyitwarire y'abanyarubuga, bahuza imvugo n'ingiro kandi bashyiramo isesekaza. -Gusoma no kwandika interuro bubahiriza ubutinde n'amasaku. -Gutahura amasaku yaje mu myanya atari asanzwemo (urugero: umwâana w'ûmutwaâre, umusôre n'ûmukoôbwa). -Gutahurira mu matsinda amategeko agenga amasaku n'ubutinde mu nteruro. -Kwandika ashyira ubutinde n'amasaku ku nteruro zinyuranye.</p>
---	---	--	-----------------------	---

Ihuriro n'andi masomo: Ubuzima bw'imyororokere mu isomo ry'Ibinyabuzima.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

-Ubushobozi bwo gusesengura ikinamico.

-Ubushobozi bwo gukina ikinamico yigana abakinankuru.

-Ubushobozi bwo kwandika interuro z'urusobe yubahiriza ubutinde n'amasaku.

Imfashanyigisho: Ikinamico ku buzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO, MU NYANDIKO N'UBUMENYI BW'URURIMI			INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, IYIGAMVUGO N'INYUNGURAMAGAMBO	
Ikinyarwanda: Umwaka wa gatanu		Umutwe wa 4A: Umuco w'amahoro		Umubare w'amasomo: 12
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusesengura umwandiko uvuga ku muco w'amahoro, gukoresha imvugo inoze no kwandika interuro yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. -Gusobanura ibitera amakimbirane n'ingaruka zayo bigaragara mu mwandiko. -Gutahura inshoberamahanga no kuzisobanura. -Gusobanura imyandikire	-Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa. -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura umwandiko. -Gushyira mu bikorwa ibyo yize bijyanye n'ingingo z'amakimbirane n'ingaruka zayo.	-Kugaragaza umuco wo kwitabira gusoma. -Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. -Kugaragaza imyitwarire yo kurwanya amakimbirane. -Kugaragaza umuco wo gukoresha neza ururimi	Umwandiko ku ngingo zerekeye: Amakimbirane n'ingaruka z'amakimbirane. Inshoberamahanga -Uturango -Gusobanura inshoberamahanga Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda -Imyandikire y'ibihokane. -Gukata. -Amagambo y'inyunge. -Amagambo afatana	-Gusoma umwandiko bucece -Gusomera umwandiko mu matsinda, banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. -Kugaragaza ibyavuye mu matsinda. -Gusimburana basoma mu ijwi riranguruye.

<p>y'ibihokane.</p> <p>-Gusobanura uburyo amagambo akatwa n'imyandikire y'amagambo y'inyunge.</p> <p>-Kugaragaza imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana.</p>	<p>-Gukoresha inshoberamahanga mu mvugo no mu nyandiko.</p> <p>-Kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.</p>	<p>rw'Ikinyarwanda akoresha imvugo inoze yubahiriza n'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.</p> <p>-Gushishikarira gusoma ibitabo bitandukanye no kujora ibyo asoma.</p> <p>-Kugaragaza umuco wo gukunda ururimi rw'Ikinyarwanda.</p>	<p>n'adafatana.</p>	<p>-Gukorerwa mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko n'insanganyamatsiko ivugwamo.</p> <p>-Gusobanura ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko.</p> <p>-Kuganira ku bindi bintu bitera amakimbirane bitari mu mwandiko no kujya impaka ku buryo byakemurwa.</p> <p>-Gutahura isomo ryo mu buzima busanzwe mu mwandiko.</p> <p>-Gutahura inshoberamahanga mu mwandiko no gutanga ibisobanuro byazo.</p> <p>-Gukoresha mu mvugo no mu nyandiko</p>
--	--	--	---------------------	---

				<p>inshoberamahanga zinyuranye.</p> <p>-Kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda no gukosora interuro zigaragaramo amakosa y'imyandikire y'Ikinyarwanda.</p>
<p><i>Ihuriro n'andi masomo:</i> <i>Uburere mboneragihugu: Gukemura amakimbirane mu isomo ry'Uburere mboneragihugu</i></p>				
<p><i>Ibigenderwaho mu isuzuma:</i> <i>-Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.</i> <i>-Ubushobozi bwo gukoresha imigani y'imigenurano mu mvugo no mu nyandiko.</i> <i>-Ubushobozi bwo kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y' Ikinyarwanda no gukosora amakosa y'imyandikire mu nyandiko.</i></p>				
<p><i>Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku bitera amakimbirane n'uburyo bwo gukemura amakimbirane, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, urutonde rw'inyajwi, ingombajwi n'ibihekane by'Ikinyarwanda, amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda n' inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKOresha URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO N'UBUMENYI BW'URURIMI.			INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, IYIGAMVUGO N'INYUNGURAMAGAMBO	
Ikinyarwanda: Umwaka wa gatanu		Umutwe wa 4B: Umuco w'amahoro		Umubare w'amasomo: 12
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusesengura umwandiko ku miyoborere myiza, kwakira neza abantu no kubafata neza, no kwandika Ikinyarwanda mu buryo buboneye.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Gusobanura amagambo akomeye. -Gusobanura ibiranga imiyoborere myiza bivugwa mu mwandiko. -Gusobanura uburyo bwo kwakira no gufata neza abatugana bugaragara mu mwandiko. -Gutahura imyandikire	-Gusoma umwandiko yubahiriza utwatumye n'iyitsa. -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura umwandiko. -Gushyira mu bikorwa ibyo yize bijyanye n'ingingo z'imiyoborere myiza no gutanga serivisi inoze. -Kwandika neza	-Kugaragaza umuco wo kwitabira gusoma. -Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. -Kugaragaza imyitwarire yo kwakira no gufata neza abamugana. -Kujora imiyoborere n'uburyo bwo kwakira no gufata neza abantu	Umwandiko ku ngingo zerekeye: Imiyoborere myiza no gutanga serivisi inoze. Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda: -Amazina bwite. -Imikoreshereze y'utwatumye. -Imikoreshereze y'inyuguti nkuru.	-Gusoma umwandiko bucece. -Gusomera umwandiko mu matsinda, banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. -Kugaragaza ibyavuye mu matsinda. -Gusimburana basoma mu ijwi riranguruye. -Gukorera mu matsinda

<p>y'amazina bwite, imikoreshereze y'utwatuzo n'inyuguti nkuru.</p>	<p>yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.</p>	<p>b'aho atuye.</p> <p>-Kujora imyandiko itubahirije imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.</p> <p>-Kugaragaza umuco wo gukoresha neza ururimi rw'Ikinyarwanda yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.</p> <p>-Kugaragaza umuco wo gukunda ururimi rw'Ikinyarwanda.</p>		<p>bavumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.</p> <p>-Gukora inyandiko ishima cyangwa inenga ibijyanye n'imiyoborere myiza no kwakira no gufata neza ababagana.</p> <p>-Gutahura imyandikire y'amazina bwite.</p> <p>-Gutahura imikoreshereze y'utwatuzo n'inyuguti nkuru.</p> <p>-Gukosora inyandiko zitubahirije imyandikire iboneye y'Ikinyarawanda.</p>
<p><i>Ihuriro n'andi masomo:</i> <i>Imbonezamubano: Imiyoborere myiza no gufata neza abamugana mu bumenyi mbonezamubano.</i></p>				
<p><i>Ibigenderwaho mu isuzuma:</i> <i>-Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.</i> <i>-Ubushobozi bwo guhanga umwandiko yubahiriza imbata n'iyunguruza.</i> <i>-Ubushobozi bwo kwandika yubahiriza imyandikire iboneye no gukosora inyandiko.</i></p>				
<p><i>Imfashanyigisho: Umwandiko uvuga ku miyoborere myiza, kwakira neza abatugana no kubafata neza, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda n'inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: UBUSHOBOZI BWO GUKORESHA URURIMI MU MVUGO NO MU NYANDIKO N'UBUMENYI BW'URURIMI.			INYIGISHO: KUMVA, KUVUGA, GUSOMA, KWANDIKA N'INYUGURAMAGAMBO.	
Ikinyarwanda Umwaka wa gatanu		Umutwe wa 5: Ibidukikije		Umubare w'amasomo: 12
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'ibidukikije no kuvuga akoresha imvugo yabugenewe.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
-Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko. -Gusobanura bimwe mu bigize ibyiza bitatse u Rwanda n' akamaro k'ubukerarugendo mu iterambere ry'igihugu bigaragara mu mwandiko. -Gusobanura amagambo	-Gusoma umwandiko yubahiriza utwatumye n'iyitsa. -Gukoresha mu nteruro amagambo yungutse no gusesengura umwandiko. -Gushyira mu bikorwa ibyo yize bijyanye n'ingingo z'ibyiza bitatse u Rwanda n'ubukerarugendo	-Kugaragaza umuco wo kwitabira gusoma. -Gushishikariza abandi kubungabunga ibidukikije. -Kunenga no gushima ibivugwa mu mwandiko. -Kugaragaza ibikorwa bijyanye no kubungabunga ibidukikije. -Kugaragaza umuco	Imyandiko ku ngingo zerekeye: -Ibyiza bitatse u Rwanda. -Ubukerarugendo. Ikeshamvugo -Amagambo yabugenewe ku mwami (Ingero: gutanga, ingoro, umugogo, kurambagira...) -Amagambo yabugenewe ku rusaku cyangwa imvugo, ku ntaho, ku rubyaro by'abantu,	-Gusoma umwandiko bucece -Gusomera umwandiko mu matsinda, banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. -Kugaragaza ibyavuye mu matsinda. -Gusimburana basoma mu ijwi riranguruye. -Gukorera mu matsinda

